

ITEKA RYA MINISITIRI N° 005/07.01/13
RYO KUWA 19/12/2013 RIGENA AMAKURU
ASHOBORA GUHUNGABANYA
UMUTEKANO W'IGIHUGU

MINISTERIAL ORDER N°005/07.01/13 OF
19/12/2013 DETERMINING WHICH
INFORMATION COULD DESTABILIZE
NATIONAL SECURITY

ARRETE MINISTERIEL N° 005/07.01/13
DU 19/12/2013 DETERMINANT LE TYPE
D'INFORMATIONS POUVANT PORTER
ATTEINTE A LA SECURITE NATIONALE

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS
GENERALES

Ingingo ya mberere: icyo iri teka rigamije

Article One: Purpose of this Order

Article premier: Objet du présent arrêté

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Article 2: Definitions of terms

Article 2: Définitions des termes

Ingingo ya 3: Intego z'iri teka

Article 3: Objectives of this Order

Article 3: Objectifs du présent arrêté

UMUTWE WA II: KUDATANGAZA NO
KURINDA AMAKURU YAHUNGABANYA
UMUTEKANO W'IGIHUGU

CHAPTER II: CLASSIFICATION AND
PROTECTION OF HARMFUL
INFORMATION TO NATIONAL
SECURITY

CHAPITRE II: CLASSIFICATION ET
PROTECTION DES INFORMATIONS
DANGEREUSES POUR LA SÉCURITÉ
NATIONALE

Icyiciro cya mberere: Kugira ibanga amakuru

Section One: Classification of information

Section première: Classification de
l'information

Ingingo ya 4: Ibishingirwaho mu kugira ibanga
amakuru

Article 4: Conditions for classification

Article 4: Conditions relatives à la
classification

Ingingo ya 5: Ibimenyetso by'urwego
rw'ibanga ku nyandiko n'ibindi bikoresho

Article 5: Classification level markings
on documents and other materials

Article 5: Niveau de marquages sur les
documents classifiés et autres matériels

Icyiciro ya 2: Ishyirwa mu byiciro by'amakuru
agirwa ibanga

Section 2: Classification of classified
information

Section 2: Classification d'informations
classifiées

<u>Ingingo ya 6:</u> Inzego z'amakuru agirwa ibanga	<u>Article 6:</u> Classified information levels	<u>Article 6:</u> Niveaux des informations classifiées
<u>Ingingo ya 7 :</u> Amakuru y'ibanga yo mu rwego rwa "Top secret"	<u>Article 7:</u> Classified information of the Top secret level	<u>Article 7 :</u> Informations classifiées de niveau « Top secret »
<u>Ingingo ya 8:</u> Amakuru y'ibanga yo mu rwego rwa "Secret"	<u>Article 8:</u> Classified information of the Secret level	<u>Article 8 :</u> Informations classifiées de niveau « Secret »
<u>Ingingo ya 9 :</u> Amakuru y'ibanga yo mu rwego rwa "Confidential"	<u>Article 9:</u> Classified information of the Confidential level	<u>Article 9:</u> Informations classifiées de niveau Confidentiel
<u>Ingingo ya 10:</u> icyiciro cy'amakuru y'ibanga igihe urwego arimo rushidikanywaho	<u>Article 10:</u> Level of classified information in case of doubt	<u>Article 10:</u> Niveau d'une information classifiée en cas de doute
<u>Icyiciro cya 3:</u> Kurinda amakuru agirwa ibanga	<u>Section 3:</u> Protection of classified information	<u>Section 3:</u> Protection des informations classifiées
<u>Ingingo ya 11:</u> Imicungire y'amakuru agirwa ibanga	<u>Article 11:</u> Handling of classified information	<u>Article 11:</u> Traitement des informations classifiées
<u>Ingingo ya 12:</u> Inshingano z'inzego za Leta	<u>Article 12:</u> Responsibilities of government institutions	<u>Article 12:</u> Obligations des institutions gouvernementales
<u>Ingingo ya 13:</u> Kurinda abantu bafite amakuru agirwa ibanga	<u>Article 13:</u> Protection of persons with classified information	<u>Article 13:</u> Protection des personnes qui détiennent des informations classifiées
<u>Ingingo ya 14:</u> Kurinda amakuru yerekeranye no kurinda Igihugu n'umutekano	<u>Article 14:</u> Protection of information related to defense and security	<u>Article 14:</u> Protection des informations relatives à la défense et à la sécurité
<u>Ingingo ya 15:</u> Kurinda amakuru y'imikoranire mpuzamahanga	<u>Article 15:</u> Protection of information related to foreign relations	<u>Article 15:</u> Protection de l'information relative aux relations étrangères
<u>Ingingo ya 16:</u> Kurinda amakuru ajyanye	<u>Article 16:</u> Protection of information	<u>Article 16:</u> Protection de l'information liée

n'inyungu z'ingenzi mu by'ubukungu n'umutekano w'ibikorwa remezo	related to critical economic interests and infrastructure security	aux intérêts économiques essentiels et à la sécurité de l'infrastructure
<u>Icyiciro cya 4: Ifatwa ry'amakuru nk'atakiri ibanga</u>	<u>Section 4: Declassification</u>	<u>Section 4: Déclassification</u>
<u>Ingingo ya 17: Igihe amakuru afatwa nk'atakiri ibanga</u>	<u>Article 17: Declassification period</u>	<u>Article 17: Période de déclassification</u>
<u>UMUTWE WA III: IBIBUJIJWE</u>	<u>CHAPTER III: PROHIBITIONS</u>	<u>CHAPITRE III: L'INTERDICTION</u>
<u>Ingingo ya 18: Ibikorwa bibujijwe</u>	<u>Article 18: Prohibited acts</u>	<u>Article 18: Actes interdits</u>
<u>Ingingo ya 19: Ihanwa ryo gutangaza amakuru agirwa ibanga mu buryo bunyuranyije n'amategeko</u>	<u>Article 19: Punishment of unlawful disclosure of classified information</u>	<u>Article 19: Répression de la divulgation illicite d'informations classifiées</u>
<u>Ingingo ya 20: Kugera ku makuru agirwa ibanga mu buryo bunyuranyije n'amategeko</u>	<u>Article 20: Illegal acquisition of classified information</u>	<u>Article 20: Acquisition illégale d'informations classifiées</u>
<u>Ingingo ya 21: Kugera mu buryo bunyuranyije n'amategeko ku makuru ari ahantu habujijwe</u>	<u>Article 21: Illegal access to a restricted area</u>	<u>Article 21: Accès illégal à une zone réglementée</u>
<u>UMUTWE WA IV: INGINGO ZISOZA</u>	<u>CHAPTER IV: FINAL PROVISIONS</u>	<u>CHAPITRE IV : DISPOSITIONS FINALES</u>
<u>Ingingo ya 22: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka</u>	<u>Article 22: Repealing provision</u>	<u>Article 22: Disposition abrogatoire</u>
<u>Ingingo ya 23: Igihe iteka ritangira gukurikizwa</u>	<u>Article 23: Commencement</u>	<u>Article 23: Entrée en vigueur</u>

ITEKA RYA MINISITIRI N° 005/07.01/13 RYO KUWA 19/12/2013 RIGENA AMAKURU ASHOBORA GUHUNGABANYA UMUTEKANO W'IGIHUGU

MINISTERIAL ORDER N° 005/07.01/13 OF 19/12/2013 DETERMINING WHICH INFORMATION COULD DESTABILIZE NATIONAL SECURITY

ARRETE MINISTERIEL N° 005/07.01/13 DU 19/12/2013 DETERMINANT LE TYPE D'INFORMATIONS POUVANT PORTER ATTEINTE A LA SECURITE NATIONALE

Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu;

The Minister of Local Government;

Le Ministre de l'Administration Locale ;

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 33, iya 34, iya 120, iya 121 n'iya 201;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 33, 34, 120, 121 and 201;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 33, 34, 120, 121 et 201;

Ashingiye ku Itegeko n° 04/2013 ryo ku wa 08/02/2013 ryerekeye kubona amakuru, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 5;

Pursuant to Law n° 04/2013 of 08/02/2013 relating to access to information, especially in Article 5;

Vu la Loi n° 04/2013 du 08/02/2013 relative à l'accès à l'information, spécialement dans son article 5;

Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 09/10/2013, imaze kubisuzuma no kubyemeza;

After consideration and approval by the Cabinet, in its session of 09/10/2013;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 09/10/2013;

ATEGETSE:

HEREBY ORDERS:

ARRETE :

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER:DISPOSITIONS GENERALES

Ingingo ya mbere: icyo iri teka rigamije

Article One: Purpose of this Order

Article premier: Objet du présent arrêté

Iri teka rigena amakuru ashobora guhungabanya umutekano w'Igihugu.

This Order determines which information could destabilize national security.

Le présent arrêté détermine le type d'informations pouvant porter atteinte à la sécurité nationale.

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Muri iri teka, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:

- 1° **Amakuru:** ibyakozwe, ibigamije gukorwa, n'ibyavuzwe bikubiye muri raporo, inyandiko z'amatangazo, amashusho, ubutumwakoranabuhanga, ibitekerezo, inama, amabwiriza, amateka n'ibyemezo, ibitabo bya gahunda z'akazi, amasezerano, ibinyamakuru, ingero n'ibindi bibitswe mu buryo ubwo ari bwo bwose bigamije inyungu rusange, bifitwe n'inzego za Leta na zimwe mu nzego z'abikorera;
- 2° **Amakuru agirwa ibanga :** amakuru ya Leta ateganyijwe muri iri teka akaba ashobora kurindwa mu buryo bwihariye kugira ngo adatangazwa mu buryo bunyuranyije n'amategeko;
- 3° **Urwego rugira amakuru ibanga :** urwego cyangwa umuntu wemerewe kugira ibanga amakuru ya Leta, abo ni aba bakurikira:
 - a. Umuyobozi w'urwego rwa Leta;
 - b. Umukozi uwo ari we wese umuyobozi w'urwego rwa Leta yahaye, binyujijwe mu nyandiko, uburenganzira bwo gutangaza amakuru;

Article 2: Definitions of terms

In this Order, the following terms shall have the following meaning:

- 1° **Information :** facts, things intended to be done, speeches held in reports, documents to be published, pictures, mails, opinions advice, circulars, orders, logbooks, contracts, papers, samples, and any other material of public interests held in any form by a public organ and certain organs of private bodies;
- 2° **Classified information :** State information that has been determined under this Order that may be afforded heightened protection against unlawful disclosure;
- 3° **Classification authority :** the entity or person authorized to classify State information, and includes:

- a. a head of an organ of State;
- b. any official to whom the authority to classify State information has been delegated in writing by a head of an organ of State;

Article 2: Définitions des termes

Dans le présent arrêté, les termes ci-après ont les significations suivantes:

- 1° **Informations :** faits réalisés, faits à réaliser et discours contenus dans les rapports, les documents publicitaires, e-mail, opinions, conseils, circulaires, arrêtés et décisions, plans de travail, contrats, journaux, échantillons et toutes sortes de données à caractère d'intérêt général détenus dans n'importe quelle forme par un organe public et certains organes privés;
- 2° **Informations classifiées :** information de l'Etat qui ont été déterminées en vertu du présent arrêté comme pouvant bénéficier d'une protection accrue contre la divulgation illégale;
- 3° **Autorité chargée de classification :** entité ou personne autorisée à classer l'information de l'État, dont :
 - a. un responsable d'un organe public ;
 - b. tout fonctionnaire à qui le pouvoir de classer l'information de l'Etat, a été délégué par écrit par un responsable d'un organe public;

Official Gazette n° 02 of 13/01/2014

4° **Urwego rutangaza amakuru :** urwego cyangwa umuntu wemerewe kutagira ibanga amakuru yari yaragizwe ibanga;

5° **Umutekano w'Igihugu :** ukurinda icyahungabanya ubusugire bw'Igihugu, ibijyanye n'ububanyi n'amahanga hamwe n'inyungu ntabanduka z'Igihugu zirimo ibijyanye n'ubukungu ndetse n'inzego z'Igihugu z'imiyoborere, cyaturuka hanze cyangwa imbere mu gihugu.

6° **Amakuru y'ibanga :** amakuru yatangazwa bikaba bishobora gutuma umutekano w'igihugu uhungabana ku buryo bukomeye. Amakuru y'ibanga bivuga kandi amabanga ya Leta.

4° **Declassification authority :** entity or person authorized to declassify classified information;

5° **National Security :** protection, against internal and external threats, of national defence, national foreign relations and protection of national vital interests pertaining inter alia to national economy and national institutions of governance.

6° **Secret information:** sensitive information, the disclosure of which is likely or could reasonably be expected to cause serious harm to national security. Secret information shall also mean or refer to State Secrets.

4° **Autorité chargée de déclassification :** entité ou personne autorisée à déclassifier les informations classifiées;

5° **Sécurité nationale :** protection contre menace intérieure ou extérieure de la défense nationale, des relations extérieures du Rwanda, et la protection des intérêts économiques nationaux ainsi que les institutions nationales de gouvernance.

6° **Information secrète :** informations sensibles dont la divulgation est susceptible ou pourrait raisonnablement être susceptible de causer un préjudice grave pour la sécurité nationale. Informations secrètes désigne également secrets d'État.

Ingingo ya 3: Intego z'iri teka

Iri teka rifite intego zikurikira:

1° kugena uburyo amakuru ya Leta arindwa;

2° guteza imbere ibikorwa byo gukorera mu mucyo no kwisobanura ku nshingano hibukwa ko amakuru ya Leta ashobora kurindwa gutangazwa kugira ngo habumbarirwe umutekano w'Igihugu;

Article 3: Objectives of this Order

The objectives of this Order shall be to:

1° regulate the modalities for protection of State information;

2° promote transparency and accountability in governance while recognizing that State information may be protected from disclosure in order to safeguard the national security interest;

Article 3: Objectifs du présent arrêté

Les objectifs du présent arrêté sont les suivants:

1° réglementer les modalités de protection des informations officielles;

2° promouvoir la transparence et la responsabilité en matière de gouvernance, tout en reconnaissant que les informations officielles peuvent être protégées contre toute divulgation

3° gusobanura imiterere n'ibyiciro by'amakuru ashobora kurindwa kwangizwa no gutakazwa cyangwa gutangazwa mu buryo bunyuranyije n'amategeko;

4° guteganya ibyerekeranye no gutangaza no kudatangaza amakuru agirwa ibanga;

5° guhuza imirimo yo gushyira mu bikorwa iri teka no kumenyekanisha itegeko ryo kubona amakuru.

3° define the nature and categories of information that may be protected from destruction, loss or unlawful disclosure;

4° provide for the classification and declassification of classified information;

5° harmonize the implementation of this Order with the promotion of access to Information Law.

afin de protéger l'intérêt de la sécurité nationale;

3° définir la nature et les catégories d'informations qui peuvent être protégées de la destruction, de la perte ou de la divulgation illégale;

4° prévoir la classification et la déclassification des informations classifiées;

5° harmoniser la mise en œuvre du présent arrêté avec la promotion de la loi relative à l'accès à l'information.

UMUTWE WA II: KUDATANGAZA NO KURINDA AMAKURU YAHUNGABANYA UMUTEKANO W'IGIHUGU

CHAPTER II: CLASSIFICATION AND PROTECTION OF HARMFUL INFORMATION TO NATIONAL SECURITY

CHAPITRE II: CLASSIFICATION ET PROTECTION DES INFORMATIONS DANGEREUSES POUR LA SÉCURITÉ NATIONALE

Icyiciro cya mbere: Kugira ibanga amakuru

Section One: Classification of information

Section première: Classification de l'information

Ingingo ya 4: Ibishingirwaho mu kugira ibanga amakuru

Article 4: Conditions for classification

Article 4: Conditions relatives à la classification

Icyemezo cyo kugira ibanga amakuru kigomba gushingira kuri ibi bikurikira byonyine:

The decision to classify information must be based solely on the following conditions:

La décision de classer l'information doit être uniquement fondée sur les conditions suivantes:

1° kugira amakuru ibanga bikoze ku mpamvu zo kurinda umutekano w'Igihugu;

1° information classification is justified by the protection of national security;

1° la classification est justifiée par la protection de la sécurité nationale;

2° Amakuru ya Leta agizwe ibanga bikenewe

2° State information is classified due to a

2° l'information d'Etat est classée suite à

kubera impamvu zigaragara, zumvikana kandi ziteganywa n'amategeko cyangwa ku nyungu z'umutekano w'Igihugu.

clear, justifiable and legitimate need to do so or to a demonstrable need to protect it in the interest of national security.

un besoin évident, justifiable et légitime à le faire ou à un besoin imminent de la protéger dans l'intérêt de la sécurité nationale.

Ingingo ya 5: Ibimenyetso by'urwego rw'ibanga ku nyandiko n'ibindi bikoresho

Amakuru, inyandiko n'ibindi bikoresho bishobora guhungabanya umutekano w'igihugu mu gihe bitangajwe, bigomba gushyirwaho ibimenyetso by'urwego rw'ibanga biriho hashingiwe ku biteganywa n'iri teka.

Urwego rubifitiye ububasha rugena amakuru agirwa ibanga n'atagirwa ibanga hashingiwe ku gihe kigenwe.

Icyiciro ya 2: Ishyirwa mu byiciro by'amakuru agirwa ibanga

Ingingo ya 6: Inzego z'amakuru agirwa ibanga

Inzego z'amakuru agirwa ibanga ni izi zikurikira :

1° **Top Secret** nk'urwego rwo hejuru rw'amakuru yagizwe ibanga ku nyungu z'umutekano w'Igihugu, amabanga ya Leta y'ingenzi ashobora guhungabanya ku buryo bukomeye umutekano w'Igihugu igihe atangajwe. Ingaruka bishobora gutera igomba kuba ikomeye cyane, iba ako kanya kandi

Article 5: Classification level markings on documents and other materials

Information, documents and other materials whose disclosure could be harmful to national security shall bear classification markings in accordance with the provisions of this Order.

The competent authority shall determine the classified information and non classified information on the basis of the time limit.

Section 2: Classification of classified information

Article 6: Classified information levels

Classified information levels shall be the following:

1° **Top Secret** as the highest level of classification of information of national security interest including vital State Secrets whose disclosure would cause extremely serious harm to national security and interests. The possible impact must be great, immediate and irreparable.

Article 5: Niveau de marquages sur les documents classifiés et autres matériels

Les informations, les documents et autres matériels dont la divulgation pourrait nuire à la sécurité nationale doivent porter une marque de classification conformément aux dispositions du présent arrêté.

L'autorité compétente détermine les informations classifiées ou non classifiées conformément aux délais prévus.

Section 2: Classification d'informations classifiées

Article 6: Niveaux des informations classifiées

Les niveaux des informations classifiées sont les suivants :

1° **Top Secret** comme le plus haut niveau de classification de l'information d'intérêt de la sécurité nationale dont les secrets vitaux d'Etat dont la divulgation peut causer un préjudice extrêmement grave à la sécurité et aux intérêts nationaux. L'impact éventuel

Official Gazette n° 02 of 13/01/2014

yamara ku buryo budasubirwaho.

2° **Secret** nk'amabanga y'ingenzi ya Leta ashobora guhungabanya ku buryo bukomeye umutekano w'Igihugu igihe atangajwe.

3° **Confidential** nk'amabanga ya Leta ashobora guhungabanya umutekano w'Igihugu n'inyungu za Leta igihe yatangajwe.

4° **Restricted** rukubiyemo ibikoresho bishobora kugira ingarika itari nziza kandi ifite aho igarukira ku mutekano w'Igihugu.

2° **Secret** including important State Secrets whose disclosure would cause serious harm to national security and interests.

3° **Confidential** including State Secrets whose disclosure would cause harm to national security and interests.

4° **Restricted** including such material that would cause undesirable and limited effects to national security.

doit être grand, immédiat et irréparable.

2° **Secret** comprenant les secrets d'Etat importants dont la divulgation pourrait porter préjudice grave à la sécurité et aux intérêts nationaux.

3° **Confidentiel** comprenant des secrets d'Etat dont la divulgation nuirait à la sécurité et aux intérêts nationaux.

4° **Limité** incluant du matériel qui pourrait entraîner des effets indésirables et limités pour la sécurité nationale.

Ingingo ya 7 : Amakuru y'ibanga yo mu rwego rwa "Top secret"

Amakuru yagizwe ibanga ashirwa mu rwego rwa "Top Secret" iyo afite:

1° amakuru yose aramutse atangarijwe umuntu utabifitiye uburenganzira bishobora gutuma umutekano mu gihugu n'uko hanze yacyo uhungabana cyane cyangwa byaha inyungu nini indi Leta yatuma Repubulika y'u Rwanda ihura n'amakuba;

2° yerekeranye na gahunda n'ibisobanuro ku bikorwa bya gisirikare n'iperereza;

Article 7: Classified information of the Top secret level

Information shall be classified as *Top Secret* when:

1° in case of its disclosure to unauthorized person, it would lead to the occurrence of extremely serious damages to the internal or external security of the State or provide great benefit to any other State which would form or may form a threat to the Republic of Rwanda;

2° it is related to plans and details of military and intelligence operations;

Article 7 : Informations classifiées de niveau « Top secret »

Les informations sont classées comme « *Top secret* » s'il s'agit de :

1° toute information dont la divulgation à une personne non autorisée pourrait constituer une menace extrêmement grave pour la sûreté intérieure ou extérieure de l'Etat ou offrir un grand avantage pour tout autre Etat qui ferait ou pourrait constituer une menace pour la République du Rwanda ;

2° les plans et détails des opérations militaires et des renseignements ;

Official Gazette n° 02 of 13/01/2014

- | | | |
|---|--|--|
| 3° inyandiko z'ingezi akubiyemo mu byerekeranye na politiki ku mikoranire mpuzamahanga, amasezerano ndetse n'ibiganiro n'ubushakashatsi butandukanye bijyanye na byo; | 3° it is contained in highly important documents on policies relating to international relations, agreements, conventions and all discussions and studies therewith; | 3° les documents très importants sur les politiques relatives aux relations internationales, accords, conventions et toutes les discussions et études y relatives ; |
| 4° ari amakuru y'ingenzi yerekeye intwari, amasasu, amazu/ibikorwa remezo bya gisirikare cyangwa andi makuru yerekeye umutekano w'Igihugu kuyatangaza bikaba byahungabanya umutekano mu gihugu cyangwa hanze yacyo; | 4° it is a very important information relating to arms, ammunition, military installations/infrastructure or any other information related to national security whose disclosure forms a threat to the internal or external security of the State; | 4° informations très importantes concernant les armes, les munitions, les installations ou infrastructures militaires ou toute autre information relative à la sécurité nationale dont la divulgation constitue une menace pour la sûreté intérieure ou extérieure de l'Etat ; |
| 5° ari amakuru ayo ari yo yose mu gihe aramutse atangarijwe abantu batabyemerewe yatuma inyungu za Leta zihungabana cyane, igahura n'ibibazo bikomeye by'imiyoborere cyangwa iby'ubukungu; | 5° In case of its disclosure to unauthorized persons, it would lead to the extreme detriment of the interests of the State, form serious embarrassment to it, causing administrative or economic difficulties for the State; | 5° toute information dont la divulgation à des personnes non autorisées conduirait à la déstabilisation extrême des intérêts de l'Etat, causerait des problèmes sérieux à l'Etat, entraînant ainsi des difficultés de gouvernance ou économiques pour l'Etat ; |
| 6° ari amakuru ayo airi yo yose yatera urupfu aramutse atangarijwe umuntu utabyemerewe. | 6° In case of its disclosure to unauthorized person, it would lead to death. | 6° toute information dont la divulgation à une personne non autorisée entraînerait la mort. |

Ingingo ya 8: Amakuru y'ibanga yo mu rwego rwa "Secret"

Amakuru y'ibanga abarirwa mu rwego rwa 'Secret' ni amakuru, aramutse atangajwe, byatuma ku buryo bukomeye:

- 1° umutekano n'inyungu by'Igihugu bihungabana;

Article 8: Classified information of the Secret level

Information shall be classified as 'Secret' if its disclosure would seriously cause:

- 1° harm to national security and interest;

Article 8 : Informations classifiées de niveau « Secret »

Les informations sont classées comme «secret» si leur divulgation causerait sérieusement :

- 1° la nuisance à la sécurité et aux intérêts nationaux;

Official Gazette n° 02 of 13/01/2014

- | | | |
|---|--|--|
| 2° imikorere myiza mu nzego z'umutekano mu Rwanda cyangwa imitwe bikorana ihungabana; | 2° damage to the operational effectiveness of Rwanda's security organs or allied forces; | 2° l'atteinte à l'efficacité opérationnelle des organes de sécurité du Rwanda ou des forces alliées; |
| 3° imibanire n'ibindi bihugu ihungabana; | 3° damage to diplomatic relations; | 3° les dommages aux relations diplomatiques; |
| 4° habaho amakimbirane mpuzamahanga; | 4° international tension; | 4° la tension internationale; |
| 5° ibikorwa remezo by'Igihugu byangirika. | 5° disruption of national infrastructure. | 5° la destruction des infrastructures nationales. |

Ingingo ya 9 : Amakuru y'ibanga yo mu rwego rwa "Confidential"

Amakuru ari mu rwego rwa '*Confidential*' ni aya akurikira:

- 1° inyandiko zose zerekeranye n'iperereza, ryo mu rwego rw'ubutegetsi cyangwa mu manza nshinyabaha, inyandiko z'ipiganwa z'ibanga, uretse igihe gutangaza ibizikubiyemo byemewe n'umuyobozi ubifitiye uburenganzira.
- 2° raporo z'iperereza, uretse iyo ziri mu cyiciro cyo hejuru.
- 3° amakuru yatuma abatwaga bacika intege aramutse atangajwe.
- 4° amakuru yose, aramutse atangarijwe umuntu utabyemerewe, ashobora gutuma

Article 9: Classified information of the Confidential level

Information classified as '*Confidential*' shall include:

- 1° any documents relating to an administrative or criminal investigation, classified tenders, unless the disclosure of the content thereof is permissible by competent authority.
- 2° intelligence reports, unless they fall within another higher classification.
- 3° information which, if disclosed, may demoralize the citizens.
- 4° any information whose disclosure to unauthorized person would lead to shut

Article 9: Informations classifiées de niveau Confidential

L'information classifiée *Confidentiel* doit comprendre:

- 1° les documents relatifs à une enquête administrative ou pénale, appels d'offres classés, à moins que la divulgation du contenu de ceux-ci est autorisée par l'autorité compétente.
- 2° les rapports de renseignement, à moins qu'ils ne soient classés dans une autre catégorie supérieure.
- 3° l'information qui, si une fois divulguée, pourrait démoraliser les citoyens.
- 4° toute information dont la divulgation à une personne non autorisée entraînerait

Official Gazette n° 02 of 13/01/2014

ibikorwa remezo by'ingenzi mu gihugu
bihagarara cyangwa byangirika cyane

down or substantially disrupt significant
national infrastructure

l'arrêt ou la perturbation
considérablement des infrastructures
nationales.

**Ingingo ya 10: Icyiciro cy'amakuru y'ibanga
igihe urwego arimo rushidikanywaho**

**Article 10: Level of classified information in
case of doubt**

**Article 10: Niveau d'une information
classifiée en cas de doute**

Iyo urwego rw'amakuru yagizwe ibanga arimo
rushidikanywaho, abarirwa mu rwego rwa
"restricted" uretse iyo rugaragajwe n'umuyobozi
ubishinzwe.

When the level of classified information is
doubtful, it shall be handled as restricted unless
determined by a competent authority.

Lorsqu'il y a doute quant au niveau d'une
information classifiée, celle-ci est considérée
comme étant restreinte sauf dans le cas où son
niveau est déterminé par une autorité
compétente.

Icyiciro cya 3: Kurinda amakuru agirwa ibanga

Section 3: Protection of classified information

**Section 3: Protection des informations
classifiées**

**Ingingo ya 11: Imicungire y'amakuru agirwa
ibanga**

Article 11: Handling of classified information

**Article 11: Traitement des informations
classifiées**

Inyandiko zinyuranye ziri mu nzego zavuzwe mu
ngingo ya 6 y'iri teka zirindwa mu buryo
bukurikira:

Documents and other material that fall under the
classification levels provided for in Article 6 of this
Order shall be protected as follows:

Les documents et autres éléments classés dans
les niveaux mentionnés à l'article 6 du présent
arrêté doivent être protégés comme suit:

- 1° Ntigomba gukopororwa cyangwa kugira
ikivanwamo bitemejwe n'urwego rwa Leta
rwagaragaje urwego irimo;
